REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

PAE
P.C
F-L

Kigali, kuwa 29/...

N° 992/21-...

Kuri Bwana Minisitiri w'Urubyiruko,
Umuco, Siporo no Kwigisha Imyuga
Iciriritse.

Impamvu :
Kwohereza inyandiko-mvugo
y'Inama yo kuwa 20/08/1997.

Bwana Minisitiri,

Hamwe n'iyi baruwa, nishimiye kubagezaho inyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 20/08/1997 twagiranye n'Abayobozi b'imirimo muri Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco, Siporo no kwigisha imyuga iciriritse.

Mbashimiye ko muyakiriye neza.

Umunyamabanga Mukuru muri
Minisiteri y'Urubyiruko,
Umuco, Siporo no Kwigisha
Imyuga Iciriritse.

KABANDANA Marc.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle

Bimenyeshejwe:
- Umuyobozi w'Urubyiruko muri MIJESCAFOP
- Umuyobozi w'Imikino muri MIJESCAFOP.
- V Umuyobozi w'Umuco muri MIJESCAFOP.
- Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse muri MIJESCAFOP.
- Umuyobozi w'Ishami Rishinzwe Umutungo wa Minisiteri(DAAF).

# INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YO KUWA 20/08/1997 YAHUJE UMUNYAMABANGA MUKURU N'ABAYOBOZI B'IMIRIMO MURI MINISITERI Y'URUBYIRUKO, UMUCO, SIPORO NO KWIGISHA IMYUNGA ICIRIRITSE.

ABARI MU NAMA :

1. Umunyamabanga mukuru : Umuyobozi w'inama.
2. Umuyobozi w'Urubyiruko.
3. Umuyobozi w'Imikino.
4. Umuyobozi w'Umuco.
5. Umuyobozi wo kwigisha imyuga iciriritse.
6. Umuyobozi w'Ishami rishinzwe umutungo wa Minisiteri (DAAF) ;

KU MURONGO W'IBYIGWA HARIHO :

1. Amashimwe y'abakozi y'umwaka wa 1996.
2. Imishinga igomba kujya muri Finances.
3. Abakozi bagomba guhabwa agahimbaza musyi.
4. Raporo y'imirimo.
5. Budjet y'umwaka wa 98
6. Umunsi mukuru w'Urubyiruko rwaba karani-ngufu, abanyonzi b'amagare, abashoferi ba taxi z'imodoka, aba mapikipiki n'abandi.
7. Icyumweru cy'Umuco.
8. Imikino (Athlétisme ) yabanyeshuli ku rwego rw'Igihugu.
9. Ingando y'abanyeshuli batahutse vuba ya Gisenyi na Ruhengeri.
10. Factures za RwandaTel.
11. Ibintu n'ibindi.

## 1. AMASHIMWE Y'ABAKOZI Y'UMWAKA W'I 1996

Umunyamabanga mukuru yamenyesheje abayobozi bari mu nama ko kugeza ubu abamaze gutanga ayo mashimwe ari Planification, Secrétariat Central na Secrétaire Particulier wa Ministre gusa. Ariko abandi nabo bavuze ko bari hafi kurangiza banemera ko kuwa gatatu taliki ya 22/08/1997 bose bazaba barangije kuyatanga.

Kubyerekeye abakozi ba za C. F. J., umuyobozi w'Urubyiruko yasabwe kuzatanga amashimwe yabo kuko bari mu buyobozi bwe mbere yuko hashyirwaho ubuyobozi bw'ihariye byo kwigisha imyuga iciriritse.
DAAF nawe yasabwe gutegura ibaruwa yo kohereza ba Perefe ibasaba guha amashimwe ba Encadreurs ba za Perefegitura.

## 2. IMISHINGA IGOMBA KUJYA MURI FINANCES

Umunyamabanga mukuru yavuze ko ngo imishinga amaze kubona kugeza ubu ari imishinga ine yo muri Direction ya Jeunesse n'umushinga umwe wo muri Formation Professionnelle. Abasaba ko isigaye yose bazaba bayimugejejeho bitarenze kuwa gatanu tariki ya 22/08/1997.

Inama yemeje ko buri buyobozi buzatanga igishushanyo mbonera cy'uko budget imaze gukoreshwa nukuvuga amafaranga yajyenwe, ayakoreshejwe nicyo yakoze; asigaye atarakoreshwa nicyo azakora.

## 3. ABAKOZI BAGOMBA GUHABWA AGAHIMBAZA MUSYI

Kur'iyi ngingo, umunyamabanga mukuru yabwiye abayobozi bari mu nama ko hari arrêté ivuga ko abakozi bakora nyuma y'akazi kandi ku buryo buhoraho bagomba guhabwa agahimbaza musyi ya navuze ko hari abakozi ba Minisiteri basanzwe bahabwa ako gahimbaza musyi kubera akazi kenshi bagira cyangwa se kubera ko bakora nyuma y'amasaha y'akazi.

Inama yemeje ko kubahabwa agahimbaza musyi hakonjyerwaho aba bakurikira :

- Umunyamabanga umwe umwe muri buri Direction.
- TWAGIRAYEZU Innocent.

## 4. RAPORO Y'IMIRIMO

Inama yemeje ko Raporo zibikorwa zizajya zijyezwa ku Munyamabanga mukuru buri gihembwe cy'amezi atatu, kandi raporo y'igihembwe cya gatatu cy'umwaka wi 1997 ikaba izatangwa mukwezi gutaha kwa cyenda.

Abari mu nama bifuje kujya babona Copies ya za raporo zose zihabwa Minisiteri, iko umunyamabanga mukuru yababwiye ko ibyo biruhije kuko bisaba ibintu byinshi kugirango bikorwe.

Icyakora yabijeje ko service ya Documentation igiye kuvugururwa kuburyo raporo zose zikorwa zizajya zijyayo, ushaka kugira iyo asoma akayibarizayo.

## 5. BUDJET Y'UMWAKA WA 98

Umunyamabanga mukuru yasabye abayobozi ko bazayikora badakurikije budget yateganijwe na Finances ariko ko bazayikora bakurikije ibicyenewe. Yabasabye ko bazaba bayimugejejeho kuwa gatanu tariki ya 22/08/97.

## 6. Umunsi mukuru w'Urubyiruko rw'abakarani-ngufu, abanyonzi b'amagare, abashoferi b'imodoka za taxi, abamapikipiki n'abandi.

Umuyobozi w'Urubyiruko yagejeje kubari mu nama muri macye uwo munsi mukuru icyo ugamije na gahunda y'imihango yariteganijwe kuri uwo munsi.

Kubyerekeye icy'uwo munsi ugamije, yavuze ko uwo munsi mukuru ugamije guhuza urubyiruko rwirwanaho rukora imirimo inyuranye ngo rusabane kandi rw'umve ko akazi rukora gafite agaciro.

Umunyamabanga mukuru yasabye abayobozi bose bari mu nama kwitabira uwo munsi mukuru warutegan ijwe kuwa gatatu tariki ya 20/08/1997 guhera saa saba.

## 7. ICYUMWERU CY'UMUCO

Umuyobozi w'Umuco nawe yajyejeje ku bari mu nama gahunda yi .cyumweru cy'Umuco

- Kuva kwitariki ya mbere kugeza kuya 5 y'ukwezi kwa Cyenda 1997 hazaba ibiganiro mbwirwa ruhame (Conférences) mu nzu ndanga muco ya K'islamu (Centre Culturel islamique) sa kumi nimwe nigice.
- Kw'itariki ya 06/09/1997 , har'igitaramo ndanga muco (Soirée Culturelle) mu nzu ndanga muco ya K'islamu.
- Kw'itariki ya 07/09/1997 : umunsi mukuru nyirizina i NYANZA.

Umunyamabanga mukuru yasabye abayobozi bose bari mu nama kwitabira ibyo biganiro n'uwo munsi mukuru wi Nyabisindu.

## 8. IMIKINO (ATHLÉTISME) Y'ABANYESHULI KU RWEGO RW'IGIHUGU.

Umuyobozi wa Siporo nawe yafaje ijambo abwira abarimunama aho imyiteguro yirushanwa rya nyuma rizatangira kuwa 29 kugeza kuwa31/08/1997 igeze.

Yavuze ko muri weekend ishize, imikino y'ijonjora (éliminatoire) yakozwe muri Perefegitura zose usibye KIBUYE na CYANGUGU, ariko naho izakorwa muriyi weekend itaha.

Abazatsinda iryo jonjora bose bazahurira hano i Kigali kwitariki 28/08/1997 nimugoroba naho amarushanwa yanyuma (Finales interscolaires d'Athlétisme) atangire bucyeye kwitariki ya 29/08/1997.

Abo bakinnyi bazacumbikirwa muri Lycée de Kigali naho ibiribwa ngo Croix-rouge yarabibemereye ibasaba ko babandikira ibyo bacyeneye.PAM nayo ngo barabiyisabye ariko ntacyo barasubiza. Umuyobozi wa Siporo yakomeje avuga kobazareba infashanyo bazahabwa yabanke bagasaba DAAF akareba uko yabongerera. Naho kubyerekeye ibikoresho ngo bazatira iby'ingando muri Direction ya JEUNESSE.

Yarangije avuga ko intego yabo aruguhuza abanyeshuli, abasirikare n'aba Civil.

9. INGANDO Z'ABANYESHULI BATAHUTSE VUBA BI RUHUNGERI NI GISENYI

Umuyobozi w'Urubyiruko yongeyegufata ijambo avuga ko harangiye ingando zabanyeshuli batahutse vuba muma Perefegitura icumi hakaba hari hasigaye Ruhengeri na Gisenyi, ati ariko abanyeshuli bo muri Ruhengeri na Gisenyi baruta ubwinshi abandi bose bateranije ngo hari abantu bagera ku bihumbi cumi na bitanu. Ngo kubera ubwinshi bwabo babagabanije mu ma Camps icumi. Ingando zikazatangira kwitariki ya 21/08/1997. Abakozi ba Minisiteri bazajya mu ngando ni cumi na batandatu (16) bakazamarayo ukwezi uhereye kwitariki 20/08/1997.

10. FACTURES ZA RWANDATEL

Kubera ko RwandaTel igumya kohereza za factures zamafaranga menshi cyane kandi Téléphones zimaze igihe zadakora, umunyamabanga mukuru, yasabye umuyobozi wa Siporo kureba téléphones za fungwa n'izasigara akabimugezaho, akanasobanura ko ntanimwe ikora ubu.

11. IBINTU N'IBINDI : (divers)

- Umunyamabanga mukuru yamenyesheje abayobozi bari mu nama ko Minisiteri yacu ifite iminota 60 kuri radio buri cyumweru itajya ikoresha, abasaba ko bakwiga uko izajya ikoreshwa.

- Havuzwe n'ikibazo cya carburant. Hemejwe ko buri Directeur azajya ahabwa litiro 10 ku munsi agaherwa icyarimwe iz'icyumweru, nukuvuga litiro 50. Haba hari impamvu zituma agomba guhabwa indi hejuru y'iyo 50, agahabwa autorisation na Secrétaire Général.

- Havuzwe n'ikibazo cy'abashoferi batunvira cyangwa bajya mu ngando badahawe uruhushya. Inama yemeje ko nta mushoferi uzajya ajya mu ngando adahawe uruhushya nuw'atwara. Kandi Directeur nagira ikibazo na shoferi, azajya abimenyesha DAAF amuhe remarques ndetse nibiba ngombwa amuhane cyangwa se amuhindure.

- Umuyobozi wo kwigisha imyuga iciriritse nawe yamenyesheje abari mu nama ko kw'itariki ya 26/08/97 hazaba umuhango wo gufungura ikigo cy'i KAVUMU. Mur'uwo munsi Mukuru hazaba hari abashyitsi b'Abarusiya bazagera ino kw'itariki ya 25/08/1997. Abari mu nama basabwe bose kuzitabira ibyo birori.

Inama yatangiye saa ine n'igice (10H30') irangira saa saba n'iminota cumi n'itanu (13H15'). Indi nama yo gukora budjet ya plan d'actions y'imyaka itatu (1998-1999-2000) iteganijwe kuwa kane tariki ya 28/08/1997.saa tatu za mugitondo

Umwanditsi: TWAGIRAYEZU Innocent